**IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO YATERANYE KU ITARIKI YA 20 NZERI 2015**

Ku cyumweru tariki ya 20 Nzeri 2015, saa tatu n'iminota makumyabiri za mu gitondo (09h20) mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Gasabo, hateraniye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, iyobowe n'Umuyobozi wayo **Bwana MUNYENTWARI Alfred.**

Ku bajyanama 30 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, iyi nama yitabiriwe n'Abajyanama 27 bakurikira:

**Abajyanama bitabiriye inama**:

1. Umujyanama MUNYENTWARI Alfred (Umuyobozi w'Inama Njyanama)
2. Umujyanama KAREMERA Francis ( Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama)
3. Umujyanama MUKESHIMANA Régine ( Umunyamabanga w'Inama Njyanama)
4. Umujyanama BIGABIRO Charles Louis
5. Umujyanama KANKINDI G. Rose
6. Umujyanama KAREGA Diogène
7. Umujyanama KAYISIRE Callixte
8. Umujyanama MASOZERA G. Pierre
9. Umujyanama MBERABAHIZI Raymond Chrétien
10. Umujyanama MUGENZI N. Léon
11. Umujyanama MUHINDA David
12. Umujyanama MUKARUBUGA Ancilla
13. Umujyanama MUKARUKIZA Félicité
14. Umujyanama MULIGANDE Benjamin
15. Umujyanama MUNYANGEYO Dieudonné Kennedy
16. Umujyanama MUSABYIMANA K. Yvonne
17. Umujyanama MUSIRIKARE David
18. Umujyanama MUSSOLINI Eugène
19. Umujyanama MUZINGA Sam Mandela
20. Umujyanama NGENDO Alphonse
21. Umujyanama NSENGIYUMVA Ildephonse
22. Umujyanama NYIRABAHIRE Langwide
23. Umujyanama RWAMULANGWA Stephen
24. Umujyanama SHEMA NGOGA Fabrice
25. Umujyanama UWAMAHORO Claudine
26. Umujyanama UWANTEGE Solange
27. Umujyanama UWIMANA UMULISA Enatha

**Abajyanama batitabiriye inama bafite impamvu zizwi:**

1. Umujyanama GACONDO Frédéric
2. Umujyanama UMULIZA Jackline
3. Umujyanama UWANTEGE Olive



My

**Abandi bitabiriye inama:**

1. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere;
2. Umuyobozi w'Ishami ry'Igenamigambi;
3. Umuyobozi w'Ishami ry'Imari;
4. Umujyanama wa Komite Nyobozi y'Akarere;
5. Umukozi Ushinzwe "PUblic Relation and Communication Officer".

**UKO INAMA YAGENZE N'IMYANZURO YAFASHWE.**

Mbere yo gutangira inama abagize Inama Njyanama babanje kuririmba indirimbo yubahiriza Igihugu, nyuma Umuyobozi w'Inama Njyanama abagezaho ingingo ziteganyijwe gusuzumwa muri iyo nama nk'uko bazigejejweho mu butumire, ndetse abagezeho n'izindi Abajyanama basabye ko zongerwa mu bintu n'ibindi kubera ko ari inama isanzwe, zikurikira:

**INGINGO ZARI KU MURONGO W'IBYIGWA**

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama yateranye ku wa 26 Kamena 2015;
2. Raporo ya Komisiyo y'Ubutaka ku rwego rw'Akarere;
3. Raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya gatatu n'iy'umwaka wa 2014-2015;
4. Raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari 2014-2015;
5. Raporo ya Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere;
6. Raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu;
7. Raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza;
8. Raporo ya Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza;
9. Raporo y'ibikorwa by'amezi atandatu by'abagize Komite Nyobozi y'Akarere;
10. Imihigo y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2015-2016 Umuyobozi w'Akarere yasinyanye na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika;
11. Ifatabuguzi ya "internet" y'abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo;
12. Raporo y'Ubugenzuzi bwakorewe Komisiyo y'Imitungo itagira bene yo;
13. Ibintu n'ibindi.

Nyuma yo kugezwaho ingingo zari ziteganyijwe gusuzumwa muri iyi nama abagize Inama Njyanama ku bwiganze busesuye barazemeje, bemeza n'ingingo zasabwe kongerwa ku murongo w'ibyigwa, hanemezwa ko zikurikirana mu buryo bukurikira:

1. Raporo ya Komisiyo y'Ubutaka ku rwego rw'Akarere
2. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama yateranye ku wa 26 Kamena 2015;
3. Raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya gatatu n'iy'umwaka wa 2014-2015;
4. Raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'igihembwe cya gatatu n'iy'umwaka wa 2014-2015;
5. Raporo ya Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere;
6. Raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu;
7. Raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza;
8. Raporo ya Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza;
9. Raporo y'ibikorwa by'amezi atandatu by'abagize Komite Nyobozi y'Akarere;

10. Imihigo y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2015-2016 Umuyobozi w'Akarere yasinyanye na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika;
11. Ifatabuguzi ya "internet" ry'abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo;
12. Raporo y'Ubugenzuzi bwakorewe Komisiyo y'Imitungo itagira bene yo;
13. Ibintu n'ibindi:
    - Abajyanama bashya basabye kujya muri za Komisiyo
    - Raporo y'amahugurwa Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama yitabiriye

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Raporo ya Komisiyo y'Ubutaka ku rwego rw'Akarere**

Perezidante wa Komisiyo y'Ubutaka yahawe umwanya ageza ku bagize Inama Njyanama raporo Komisiyo y'Ubutaka yakoze irebana n'umushinga wo kubaka umuhanda wa kaburimbo ufite uburebure bwa km 1,5 ujya ahari ibigega bya Peterori mu Murenge wa Rusororo Akagari ka Kabuga II kugira ngo wemezwe nk'inyungu rusange.

Muri iyi raporo, Perezidante wa Komisiyo yasobanuye mu buryo burambuye imitererere y'uwo mushinga avuga ko uwo muhanda uzakorwa ku bufatanye bw'Umujyi wa Kigali na "Rwanda Transport Development Authority" (RTDA), ndetse ko n'amafaranga yo kuwushyira mu bikorwa kimwe n'ayo kwishyura ingurane z'abaturage bafite imitungo ahazakorerwa uwo mushinga yateganyijwe. Abaturage bafite imitungo nabo baraganirijwe kandi nabo bishimiye uwo mushinga. Abaturage bazahabwa ingurane bakaba bagera kuri 56.

Perezidante wa Komisiyo y'Ubutaka, yabwiye Inama Njyanama ko hashingiwe ku itegeko n° 1 8/2007 ryo kuwa 19/4/2007 ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange cyane cyane mu ngingo yaryo ya 9 igika cya 1 aho iteganya ko ***urwego rugenzura ko imishinga yo kwimura abaturage ku mpamvu z'inyungu rusange ari Komisiyo ishinzwe iby'ubutaka ku rwego rw'Akarere iyo umushinga ureba Akarere kamwe***; naho ingingo ya 10 igika cya 1 aho iteganya ko iteganya ko ***kwemeza ko abantu bimurwa kubera impamvu z'inyunga rusange bikorwa n'Inama Njyanama y'Akarere***; bityo asoza avuga ko Komisiyo y'Ubutaka y'Akarere ka Gasabo isaba Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, kwemeza ko abaturage barebwa n'uyu mushinga bakwimurwa kubera igikorwa cy'inyungu rusange bamaze guhabwa ingurane ikwiye.

Abari mu nama bamaze kugezwaho raporo ya Komisiyo y'Ubutaka kungurana ibitekerezo no gusanga ibiteganywa byose byarubahirijwe, bifuza kumenya impamvu uyu mushinga watinze gushyikirizwa Inama Njyanama. Ikindi inama yifuje kumenya niba abaturage bafite imitungo ahazakorerwa umushinga baraganirijwe, maze Umuyobozi w'Akarere asobanura ko byakozwe kuko habaye inama yahuje ubuyobozi bw'Akarere, Umurenge wa Rusororo n'Akagari ka Kabuga II ndetse n'abaturage 56 bafite imitungo ahazakorerwa umushinga. Naho kuba uyu mushinga wo kwimura abaturage ku nyungu rusange waratinze gushyikirizwa Inama Njyanama byatewe n'uko hari abaturage babiri babanje kwanga harimo umukecuru wari uhafite imva yashyinguyemo imibiri y'abantu be bazize Jenoside, ndetse n'ikiraro cyari gihari, undi muturage we yari yaranze kuko yareberaga kuri uwo mukecuru. Ariko ubuyobozi bw'Akarere bwaramuganirije nyuma yo kugisha inama bamwemerera kwimura izo mva no kubakirwa ikindi kiraro noneho uwo wundi amaze kubona umukecuru yemeye nawe yemera kwimuka .Ikindi yongeyeho ni uko kwishyura ingurane hakurikizwa ibiciro biri ku isoko bityo bikaba bidahombya umuturage.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho iyo raporo, gusanga inyandiko za ngombwa zisabwa, n'inzira ziteganywa n'amategeko zakoreshejwe zitanyuranyije n'ibiteganywa n'Itegeko no 32 /2015 ryo kuwa 11/6/2015 ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange cyane cyane mu ngingo yaryo ya 8 igika cya 2 no mu ngingo ya 9 igika cya 1, hemejwe umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 47.01.632**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo imaze gusuzuma raporo ya Komisiyo y'Ubutaka ku rwego rw'Akarere, bamaze kandi gusaba ko mu gutegura imishinga y'inyungu rusange byajya bikurikiza amategeko, Inama Njyanama yemeje ko abaturage barebwa n'umushinga wo kubaka umuhanda wa kaburimbo ureshya na km 1.5 ujya ahubatse ibigega bya peterori mu Murenge wa Rusororo mu Kagari ka Kabuga II bakwimurwa kubera igikorwa cy'inyungu rusange bamaze guhabwa ingurane ikwiye.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 27/27 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya kabiri</u>: Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama yateranye ku wa 26 Kamena 2015**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere yahawe umwanya asomera abitabiriye inama inyandikomvugo y'inama yateranye ku wa 26 Kamena 2015, ndetse anabagezaho ibaruwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama asubiza kuri iyo myanzuro, yemeza ko yose ishobora gushyirwa mu bikorwa ndetse asaba ko ishyirwa mu bikorwa ryayo ryakwihutishwa.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho iyo nyandikomvugo n'ibaruwa y'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali yanditse isubiza kuri iyo myanzuro, bashimye uburyo iteguye, nyuma hemezwa umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 47.02.633**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yateranye ku itariki ya 26 Kamena 2015.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 25/25 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya gatatu</u>: Raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya gatatu n'iy'umwaka wa 2014-2015**

Umuyobozi w'Akarere yahawe umwanya ageza ku bagize Inama Njyanama y'Akarere raporo y'ibikorwa by'Akarere ka Gasabo y'igihembwe cya gatatu 2014-2015, asobanura ko iyi raporo yagombaga gusuzumwa mu nama yateranye ku wa 26 Kamena 2015, mu nama yemeje ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo 2015-2016, ariko igihe kikaba cyarabaye gitoya hakemezwa ko

ingingo zitasuzumwe zizasuzumwa mu nama itaha, bityo ikaba ariyo mpamvu iyi raporo isuzumwe itinze.

Hakoreshejwe uburyo bw'amashusho, Umuyobozi w'Akarere yagejeje kandi ku bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo raporo y'ibikorwa by'Akarere by'umwaka wa 2014-2015. Yasobanuye ko iyi raporo ikubiyemo ibikorwa byose byakozwe mu mwaka wa 2014-2015, bikubiyemo ibyakozwe n'Inama Njyanama, ibyakozwe na Komite Nyobozi n'ibindi bikorwa bitandukanye byakorewe muri serivisi zikorera mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Akarere, bimwe muri byo bikaba biri mu mihigo y'Akarere y'umwaka wa 2014-2015.

Umuyobozi w'Akarere yagaragaje n'uburyo imyanzuro yemejwe n'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yashyizwe mu bikorwa asobanura ko ku myanzuro 94 yafashwe n'Inama Njyanama y'Akarere mu mwaka wa 2014-2015, iyashyizwe mu bikorwa ni 83 iri ku kigereranyo cya 88.2 %, naho imyanzuro 4 ntiyashyizwe mu bikorwa kubera imiterere yayo indi 7 iri mu nzira zo gushyirwa mu bikorwa.

Abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo bamaze kugezwaho raporo y' ibikorwa byakozwe n'Akarere ka Gasabo mu gihembwe cya gatatu na raporo y'ibikorwa by'Akarere y'umwaka wa 2014-2015, bashimye ibikorwa byakozwe, bashima n'uburyo imyanzuro y'Inama Njyanama yashyizwe mu bikorwa maze bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 47.03.634**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yashimye kandi yemeje raporo y'ibikorwa by'Akarere ka Gasabo y'igihembwe cya gatatu cy'umwaka wa 2014-2015 ndetse na raporo y'ibikorwa by'Akarere by'umwaka wa 2014-2015.

**Umwanzuro N° 47.04.635**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko ubutaka Falcon Capital Investment Ltd yemerewe n'Umuyobozi w'Akarere mu ibaruwa N° 2551/07.01.02/2014 yo ku wa 15/10/2014 bungana na 7436 sqm ku mafaranga angana na miliyoni makumyabiri n'ebyiri n'ibihumbi magana atatu n'icyenda n'amafaranga magana atanu (22.309.500 Frw) yari gushyirwa kuri konti y'Akarere, itabuhabwa kubera ko aho Inama Njyanama yari yaremeje ko itunganya itabikoreye ku gihe.

**Umwanzuro N° 47.05.636**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komite Nyobozi y'Akarere gukomeza gukurikirana imirimo y'iyubakwa ry'isoko rya Mulindi (Merci Modern Market Ltd), kugira ngo muri icyo kibanza hakomeze hubakwe isoko ryari riteganyijwe igihe Merci Modern Market Ltd yaguraga iki kibanza n'Akarere ka Gasabo.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 25/25 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya kane</u>: Raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'igihembwe cya gatatu n'iy'umwaka wa 2014-2015**

Kuri iyi ngingo Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yahawe umwanya ageza ku bagize Inama Njyanama raporo y'imikoreshereze y'amafaranga, asobanura ko nk'uko byari byemejwe mu nama yateranye ku wa 26/6/2015, yagombye kubagezaho raporo y'imikoreshereze y'imari y'igihembwe cya gatatu 2014-2015 ndetse asaba ko bamwemerera akayibagezaho, maze akomeza abamenyesha ko igihembwe cya gatatu 2014-2015 kirangira, Akarere kari kamaze kwinjiza amafaranga bwite angana na 3.709.889.448 kuri 3.868.725.993 yari ateganyijwe kwinjira mu gihembwe cya gatatu ari ku kigereranyo cya 96%, n'amafaranga aturuka hanze (eamarket transfers) igihembwe cyarangiye hamaze kwinjira 959.924.034 kuri 1.866.543.105 bingana na 51%. Ku birebana n'imikoreshereze ingengo y'imari yo yari imaze gukoreshwa ku kigereranyo cya 66% igihembwe cya gatatu 2014-2015 kirangira.

Umunyamabanaga Nshingwabikorwa yakomeje ageza ku Nama Njyanama raporo y'imikoreshereze y'imari y'umwaka wa 2014-2015, asobanura ko iyi raporo igaragaza uburyo amafaranga yagombaga kwinjizwa, aho yaturutse ndetse n'uburyo yakoreshejwe. Ku birebana n'amafaranga yinjijwe n'Akarere (Own revenue), yagaragaje ko Akarere kinjije 8,472,887,365 kuri 7,597,826,901 yari ateganyijwe kwinjira bingana 112%.

Naho ku mafaranga aturuka mu zindi nzego (eamarket transfers), kuri 7,166,041,808 yari ateganyijwe kwinjira mu karere hinjiye 6,949,471,605 bihwanye na 97% andi 216,570,203 ntabwo yinjiye kuko hari ayo RMF (Road Maintenance funds) na NCC bari baremeye gutanga batohereje, uretse LODA yemeye kongera amafaranga yari ku murongo w'ingengo y'imari yagenewe VUP-DS.

Nyuma yo kubona ko amafaranga yinjiye yarenze ayari ateganyijwe kwinjira, Komite Nyobozi yashyikirije ikibazo Biro y'Inama Njyanama kugirango isabe MINICOFIN ko ayo mafaranga yashyirwa ku mirongo y'ingengo y'imari, bityo abashe gukoreshwa nk'uko biteganywa n'amategeko. Ayo mafaranga yashyizwe ku mirongo y'ingengo y'imari ku buryo bukurikira:

1. Umurongo 69000000001036900450306012641O6XXXXX Revenue Transfer to Kigali City, wariho 1,642,206,000 Frw wajyaho 777,122,439 Frw bityo ukaba 2,419,328,439 Frw.
2. Umurongo 2841 Transfers to non-reporting government entities (69450102 Sectors operational costs are paid) wariho 1,209,391,401 Frw wajyaho 404,315,224 Frw bityo ukaba 1,613,706,625 Frw.
3. Umurongo 69000000001036900450401012113O1 Salary in cash wariho 1,427,258,277 Frw wajyaho 115,000,000 Frw bityo ukaba 1,542,258,277 Frw.
4. Umurongo w'ingengo y'imari 690000000010369004504010321 1309 Horizontal step promotion wariho 18,682,561 Frw wajyaho 30,000,000 Frw bityo ukaba 48,682,561 Frw.
5. Umurongo 6900000000103690045010110221101 Office Supply wariho 56,141,828 Frw wajyaho 18,131,257 Frw bityo ukaba 74,273,085 Frw.
6. Umurongo 690000000020882084902280327 2103 wariho 160,164,854Frw wajyaho 43,462,400 Frw bityo ukaba 203,627,254 Frw

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yasobanuye ko nyuma yo guhura n'ibyo bibazo, byashyikirijwe Biro y'Inama Njyanama na Komite Nyobozi bagifataho umwanzuro, kandi umwanzuro wemejwe muri iyo nama, Umuyobozi w'Inama Njyanama yawugejeje kuri MINECOFIN, kandi nayo yarabyemeye amafaranga yongewe ku mirongo y'ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2014-2015 kandi yakoreshejwe nk'uko byasabwe.

Ku birebana n'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo umwaka wa 2014/2015 hakoreshwe agera 91%, naho agera kuri 9% yari atarakoreshwa ni ayagombaga kwishyura ibikorwa byari byarateganyijwe ariko byageze ku wa 30.6.2015 bitararangira. Muri ibyo bikorwa harimo inyubako y'ibiro by'Umurenge wa Remera n'uwa Kimihurura, Inyubako y'agakiriro mu Murenge wa Gikomero, n'ikorwa ry'umuhanda wa Gikomero - Rutunga – Kajevuba n'ibindi bikorwa bitandukanye.

Hagaragajwe n'Imyenda Akarere kari kabereyemo abantu batandukanye ku wa 30 Kamena 2015 aho Akarere kari gasigaranye imyenda ingana na 973,138,957, ivuye kuri kuri 2,115.143.637 Akarere kari gafite mu ntangiriro z'umwaka wa 2014-2015. Agaragaza ko n'iyo myenda isigaye irimo kugenda yishyurwa uko ubushobozi bugenda buboneka.

Ku bijyanye n'imyenda Akarere kaberewemo n'abantu kugeza ku wa 30 Kamena 2015, Akarere kari gafitiwe umwenda ungana na 550.055.516 frw. Umunyamabanga yanagaragaje ko muri iyi myenda imaze igihe kirekire, Akarere kagikurikirana.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa yagaragaje ko mu myenda iremereye Akarere gafitiwe harimo ungana na 37,340,513, ugomba kwishyuzwa Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imiturire (RHA). Uyu mwenda ukaba ukomoka ku mafaranga yishyuwe n'Akarere nk'ingurane y'abaturage bari bafite imitungo ahahawe ikibanza Perezida wa Djibuti yasuye u Rwanda mu mwaka wa 2007. Aya mafaranga kuyishyuza byabaye ingorane kubera ko inyandiko z'umwimerere zashingiweho mu kwimura abaturage zitaboneka mu Karere, bityo Umunyamabanga nshingwabikorwa asaba ko uyu mwenda wasibwa mu bitabo by'ibaruramari.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho iyi raporo y'imikoreshereze y'amafaranga y'igihembwe cya gatatu n'iy'umwaka wa 2014-2015 bashimye uburyo amafaranga yinjiye n'uburyo yakoreshejwe, ariko bagaragaza impungenge ku birebana n'umwenda w'amafaranga yishyuwe hashakwa ikibanza cyahawe Perezida wa Djibuti, bavuga ko impapuro zabuze, kandi Akarere gafite ububiko bw'inyandiko, maze hemezwa umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 47.06.637**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje kandi ishima raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'igihembwe cya gatatu n'iy'umwaka wa 2014-2015, zimaze gukorerwa ubugororangingo.

**Umwanzuro N° 47.07.638**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komite Nyobozi kuzashyikiriza Inama Njyanama raporo ku myenda isaba ko yasibwa mu bitabo by'ibaruramari, kugira ngo izagicukumbure hazabonwe gufatwa umwanzuro.

**Umwanzuro N° 47.08.639**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje amafaranga yinyongera ku mirongo y'ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2014-2015.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya gatanu</u>: Raporo ya Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere**

Perezida wa Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere yagejeje ku bagize Inama Njyanama raporo yayo, igaragaza raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta y'umwaka 2013-2014 ndetse na raporo Ubugenzuzi Bwite w'Akarere bwakoreye Imirenge ya Remera, Kinyinya, Kimihurura, Kacyiru na Gisozi ku mikoresheze y'Ingengo y'Imari mu myaka ya 2013-2014.

**a. Raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta y'umwaka wa 2014-2015**

Perezida wa Komite Ngenzuzi basesenguye ibyagaragajwe n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta basanga haragaragaye amakosa akurikira:

1. Amafaranga yoherezwa mu bigo bishamikiye ku Karere (Amashuri, Imirenge, Ibigo nderabuzima, Ibitaro by'Akarere ka Gasabo, Ikigo cy'Ubwisungane mu kwivuza na Farumasi y'Akarere), imikoreshereze yayo ntigaragara mu bitabo by'ibaruramari ry'Akarere ka Gasabo;
2. Ikinyuranyo kiri hagati ya raporo y'Akarere na raporo ya rwiyemezamirimo ku mahoro ava mu birombe no mu masoko;
3. Ikinyuranyo hagati y'imisoro yari iteganijwe kwinjizwa hakurikijwe urutonde rw'abasora n'imisoro yinjijwe;
4. Amafaranga atakazwa ku maherere ku manza Akarere gatsindwa;
5. Imyenda Akarere kabereyemo abantu imaze igihe kirekire, n'imyenda abantu babereyemo Akarere;
6. Ubukererwe mu kurangiza imirimo iba yarahawe ba rwiyemezamirimo;
7. Ubukererwe mu kohereza uruhare rw'Akarere rungana na 10% mu Kigega cy'Igihugu cy'Ubwisungane mu kwivuza ( National Pooling Risk);
8. Ubukererwe mu kwishyuza amafaranga y'inguzanyo n'inyungu zayo atangwa muri gahunda ya VUP (Financial Services)
9. Gutinda gushyira mu bikorwa inama z'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta.

Perezida wa Komite Ngenzuzi y'Akarere ka Gasabo yasobanuye ko basesenguye ibyagaragajwe n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ndetse banarebera hamwe aho Komite Nyobozi igeze ishyira mu bikorwa inama bagiriwe kugirango hakosorwe ibitaragenze neza mu micungire y'umutungo n'imari by'Akarere. Komite ngenzuzi yagaragaje ko mu nama zatanzwe n'umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta inyinshi zamaze gushyirwa mu bikorwa izindi nazo ziri mu nzira zo gushyirwa mu bikorwa, ndetse ashima uburyo Akarere kashyize imbaraga muri icyo gikorwa kakaba karageze Kuri 61%.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho raporo ya Komite Ngenzuzi kuri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta no gusesengura aho Komite Nyobozi igeze ishyira mu bikorwa inama zatanzwe, bunguranye ibitekerezo nyuma bemeza umwanzuro ukurikira:



My

**Umwanzuro N· 47.09.640**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo ishingiye kuri raporo ya Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere yasabye Komite Nyobozi kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta zitarashyirwa mu bikorwa, no gukomeza ingamba zo kugabanya amakosa mu micungire y'imari ya Leta.
Uyu mwanzuro yemejwe n'Abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy'inama.

**b. Ubugenzuzi bwakorewe i Mirenge**

Perezida wa Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere yagejeje ku Nama Njyanama raporo y'Ubugenzuzi bwakozwe mu mirenge ya Remera, Kinyinya, Kimihurura, Kacyiru na Gisozi ku mikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka wa 2013-2014, asobanura ko muri iyo mirenge basanze hari amakosa asa akurikira:

- Amafaranga yasohotse adafite impapuro na nkeya z'isohorwa ryayo mu Mirenge ya Remera na Kacyiru;
- Amafaranga yasohotse adafite impapuro zihagije (Lack of sufficient supporting documents) zisohorwa ryayo mafaranga mu Mirenge yose uko ari itanu yagenzuwe.
- Amasoko yatanzwe mu Mirenge yose hadakurikijwe amabwiriza n'amategeko agenga itangwa ry'amasoko ya Leta;
- Kudafatira amafaranga angana na 3% ku masoko yatanzwe;
- Abakozi bakorera ku masezerano bahembwa badakaswe ku mushahara imisoro n'ubwiteganyirize;
- Urutonde rw'abasora rutanoze ku mirenge yose yakorewe igenzura;
- Hagararagaye mu Mirenge yose yakorewe igenzura ko nta bitabo byandikwamo sheki zinjiye n'inyemezabwishyu n'amakonti imirenge ifite.

Nyuma yo kubona aya makosa yose, Komite Ngenzuzi y'Akarere ka Gasabo iratanga inama zikurikira:

1. Iyo nta nyandiko zigaragara z'amafaranga yakoreshejwe hari ingaruka yo kutubahiriza amategeko agenga imikoreshereze y'imari ya Leta, no kuba habaho inyerezwa ry'umutungo wa Leta. Bityo igatanga inama ko Imirenge yose isabwa kujya yishyura ari uko inyandiko zose zisabwa zaba zihari kugira ngo amafaranga asohoke.
2. Imirenge yose yagenzuwe ntabwo yubahirije amategeko n'amabwiriza agenga itangwa ry'amasoko ya Leta, hari ingaruka kandi ko bitoroshye kumenya niba amasoko atangwa mu mucyo.Komite Ngenzuzi ikajya inama ko Imirenge iyo ariyo yose yakubahiriza amabwiriza n'amategeko agenga Amasoko ya Leta, ndetse hakabaho n'amahugurwa kurwego rw'Imirenge n'abagize akanama k'amasoko;
3. Kuzuza ibitabo by'ibaruramari nk'uko biteganywa n'amategeko;
4. Gushyira ingufu mumikorere ya PFM mu Mirenge;
5. Imirenge irasabwa gukora raporo y'imyinjirize n'imikoreshereze y'amafararanga yavuye mu karere nkuko biteganywa n'itegeko rigenga imikoreshereze n'imyinjirize y'ingingo y'Imari ya Leta;

6. Bimaze kugaragara ko buri mwaka ingengo y'imari igenda yiyongera mu Mirenge, ariko ubushobozi bw'imikoreshereze yayo bukaba bucye, Komite Ngenzuzi irajya inama y'uko muri buri Murenge haba umucungamari n'umukozi ushinzwe itangwa ry'amasoko (Procurement Officer).

Perezida wa Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere yasobanuye ko n'ubwo Ubugenzuzi bwakozwe bwagaragaje amakosa angana gutyo, yemeje ko Akarere ka Gasabo kateye intambwe igaragara mukugabanya amakosa (ya posting errors, mu itangwa ry'Amasoko, mu micungire ya stock, cyane cyane ikoreshwa ry'amavuta y'imodoka ndetse no gushyira mu bikorwa inama zatanzwe n'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta mu Ngengo y'Imari y'Umwaka 2012-2013 ku buryo byageze kukigereranyo cya 61%. Ibi bikaba byaraturutse ku ntambwe yatewe na Komite Nyobozi mu micungire y'Imari y'Akarere, ikaba isaba ko iyi ntambwe itasubira inyuma ku buryo bidatinze Akarere kacu kagera kuri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta itagira amakemwa (Clean Audit Report).

Abari mu nama bamaze kugezwaho raporo ya Komite Ngenzuzi ku bugenzuzi bwakozwe mu Mirenge no kungurana ibitekerezo, hemejwe imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro No 47.10.641**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko Komite Nyobozi y'Akarere ka Gasabo yashyira mu bikorwa inama zatanzwe n'Umugenzuzi Mukuru hibandwa cyane cyane gukosora amakosa yagaragaye mu ngengo y'imari 2013-2014.

**Umwanzuro No 47.11.642**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komite Nyobozi y'Akarere kwandikira Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge yagenzuwe basabwa ibisobanuro ku makosa yagaragaye mu Mirenge yabo.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya gatandatu</u>: Raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu**

Perezida wa Komisiyo yahawe umwanya amenyesha abagize Inama Njyanama ko Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yasuzumye ingingo zikurikira:

1. Umushinga w'ibipimo by'imisoro n'amahoro,
2. Raporo y'imikoreshereze y'Ingengo y'Imari 2014-2015,
3. Gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka wa 2015-2016
4. Ibibazo Komisiyo yashyikirijwe n'Inama Njyanama.

**1. Umushinga w'ibipimo by'imisoro n'amahoro**

Kuri iyi ngingo, Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, yagejeje ku bagize Inama Njyanama.

**Ibipimo by'imisoro n'amahoro bizakoreshwa mu mwaka wa 2015-2016**

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagejeje ku nama Njyanama ibipimo by'amahoro, bizakoreshwa muri uyu mwaka wa 2015-2016, agaragaza n'ibyiciro by'ayo mahoro bikurikira:

1. ***Amahoro ashingiye ku ikoreshwa ry'umutungo rusange wa Leta akubiyemo*** amahoro yo mu isoko, amahoro yakwa ku marimbi rusange, amahoro kuri parking, amahoro kuri za parikingi rusange, amahoro ku bukode bw'ubutaka, amahoro yakwa buri mwaka ku bukode bw'ubutaka bukorerwaho ubuhinzi n'ubworozi n'amahoro yakwa buri mwaka ku bukode bw'ubutaka bwagenewe gucukurwaho kariyeri.
2. ***Amahoro ashingiye kuri servisi zikorerwa abaturage nayo akubiyemo*** amahoro y'isuku rusange, amahoro yo gushyingirwa ku munsi utandukanye n'uwagenwe, amafaranga atangwa kuri serivisi z'ibyangombwa by'ubutaka n'ibibanza, amafaranga atangwa ku byemezo n'impapuro bitangwa na Leta n'inyandiko zishyirwaho umukono na Noteri, amahoro yakwa ku ruhushya rwo gutwika amakara, amatafari n'amategura.
3. ***Andi mafaranga yakirwa dusangamo a***mahoro yakwa ku cyapa cyamamaza no kuri banderole, amahoro yakwa ku minara yifashishwa mu itumanaho n'isakazamajwi n'amahoro yakwa abapakira ibikomoka kuri kariyeri no ku mashyamba.

Perezida wa Komisiyo yagaragaje ibiciro biteganyijwe kuri buri bwoko bw'amahoro, ibipimo by'ubukode bw'Ubutaka, parikingi ziri mu Karere ndetse n'ibihano bihabwa abanyuranyije n'amabwiriza yashyizweho, maze asoza asaba Inama Njyanama ko yabyemeza.

Komisiyo yagaragaje ko hari ikibazo ku birebana n'amahoro y'ubukode bw'ubutaka mu bice by'inkengero z'umujyi bigizwe n'imirenge ya Bumbogo, Jabana, Jali, Ndera, Rusororo na Nduba; aho abaturage bavuga ko basoreshwa ubutaka bwabo mu gihe ibyangombwa bafite ari ubuhinzi. Ibyo bigatuma abaturage babona ko barengana kuko ibyangombwa bafite byanditseho ko bidasora. Komisiyo igasanga hakwiye kubaho ubukangurambaga buhagije kuko hari abaturage bamwe bataramenya agaciro ko kwishyura ubukode bw'ubutaka bityo bigatuma bahora bagaragaza ko barenganye bigatuma ibirarane nabyo birushaho kwiyongera bikaba byinshi ku buryo bishobora kurenga ubushobozi bwabo. Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yasuzumye n'ikibazo cy'abacururiza Nyacyonga mu Murenge wa Jabana bavuga ko bakwa umusoro w'ipatanti ungana n'amafaranga ibihumbi mirongo ine (40.000) bakavuga ko uri hejuru cyane ugereranyije n'ubucuruzi bakora.

Abari mu nama bamaze kugezwaho ibipimo by'imisoro n'amahoro bizakoreshwa mu mwaka wa 2015-2016, gusuzuma ibiciro bya parikingi n'ibipimo by'ubukode bw'ubutaka no kungurana ibitekerezo ku kibazo cy'abacururiza Nyacyonga bagaragaje ko ipatanti bakwa itajyanye n'imikorere yabo bemeje imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro No 47.12. 643**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ibipimo by'imisoro n'amahoro bizakoreshwa mu uyu mwaka 2015-2016, hamwe n'ibiciro by'ubukode bw'ubutaka bizakoreshwa mu mwaka w'imisoro wa 2016.



My

**Umwanzuro N° 47.13.644**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu kongera gusuzuma ibipimo byishyurwa ku ipantante, ikifashisha Komite Nyobozi y'Akarere, raporo ikazayishyikiriza Inama Njyanama mu gihe cya vuba, kugira ngo ibyemeze.

**Umwanzuro N° 47.14.645**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komite Nyobozi gushyira imbaraga mu gusobanurira abaturage ko Inama Njyanama ifite ububasha bwo gushyiraho ibiciro by'imisoro ku butaka hashingiwe ku bikorwa remezo bigararagara mu gace ubwo butaka buherereyemo n'icyo ubwo butaka bwagenewe gukoreshwa kandi bakabagira inama yo gusora ku gihe.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

**2. Raporo y'imikoreshereze y'Ingengo y'Imari 2014-2015**

Kuri iyi ngingo, Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, yasobanuye ko iyi raporo Komisiyo yayisuzumye kandi Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere akaba yayigaragaje nk'uko bayemeje.

**3. Gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo**

Kuri iyi ngingo, Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagejeje ku Nama Njyanama gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo y'umwaka wa 2015-2016, asobanura ko Komisiyo yabiteguye ishingiye ku nshingano za Komisiyo nk'uko ziteganywa n'ingingo ya 47 y'itegeko No 87/2013 ryo ku wa 11/9/2013, rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage. Yasobanuye kandi ko iyi gahunda n'ubwo yatinze kwemezwa yatangiye gushyirwa mubikorwa, asoza asaba Inama Njyanama ko yayemeza.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo bunguranye ibitekerezo nyuma bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 47.15.646**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu y'umwaka wa 2015-2016.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

**4. Ibibazo Komisiyo yashyikirijwe n'Inama Njyanama.**

Kuri iyi ngingo Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, yamenyesheje Inama Njyanama ko yasuzumye ibaruwa Komisiyo yagejejweho n'Umuyobozi w'Inama Njyanama z'abacuruzi bari bafitanye amasezerano n'Akarere yo gucururiza mu mazu yo mu isoko rya Kimironko banditse basaba kurenganurwa, ko nyuma y'uko bamenye umwanzuro w'Inama

Njyanama wemeje ko amasezerano y'ubukode bw'imiryango icururizwamo mu isoko rya Kimironko yavugururwa hahabwa ***amahirwe abari basanzwe bacururiza muri ayo mazu (bakodeshaga n'abasinye amasezerano n'Akarere ya mbere).***

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yamenyesheje abari mu nama ko nyuma yo gushyikirizwa ayo mabaruwa, Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu nawe uri muri iyo Komisiyo yabamenyesheje ko yakurikiranye iki kibazo, ko yahuye n'abo basabye kurenganurwa akabasobanurira uburyo amasezerano yateguwe ateye, maze bakamubwira ko batagishoboye gukorera umurimo w'ubucuruzi mu isoko rya Kimironko, kandi Komisiyo yamenyesheje Umuyobozi w'Inama Njyanama umwanzuro kandi nawe yahaye igisubizo abo bari banditse.

Abagize inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, imaze kugezwaho iki kibazo no gusanga amasezerano y'ubukode bw'abacururiza mu isoko rya Kimironko yararangiye, bunguranye ibitekerezo nyuma bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 47.16.647**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komite Nyobozi y'Akarere ko yakwihutisha igikorwa cyo gusinyana amasezerano mashya n'abakorera mu isoko rya Kimironko kandi bigakorwa bitanyuranyije n'imyanzuro yemejwe n'Inama Njyanama.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya karindwi: Raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza**

Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yahawe umwanya amenyesha abagize Inama Njyanama raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza ikubiyemo gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo, ibibazo by'abaturage Komisiyo yasuzumye n'ikiganiro kirebana n'itorero yagiranye n'Umutoza w'Intore ku rwego rw'Akarere na raporo igaragaza uburyo imyanzuro y'Inama Njyanama yashyizwe mu bikorwa.

1. Gahunda y'ibikorwa ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza y'umwaka wa 2015-2016;
2. Ibibazo Komisiyo yashyikirijwe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama;
3. Ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo 2014-2015;
4. .Itorero ry'Abajyanama;
5. Gahunda yo gusura Imirenge igize Akarere ka Gasabo;
6. Ikiganiro kigufi cy'umutoza w'intore ku rwego rw'Akarere.

**7.1. Gahunda y'ibikorwa ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza y'umwaka wa 2015-2016**

Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko Gahunda y'ibikorwa bya komisiyo y'umwaka 2015-2016 Komisiyo yateguye, ishingiye ku nshingano za Komisiyo y'Imiyobrere Myiza nk'uko biteganywa n'ingingo ya 49 y'itegeko No 87/2013 ryo ku wa 11/9/2013.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza kuyisesengura no kuyunguranaho ibitekerezo yemeje umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 47.17.648**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza y'umwaka wa 2015-2016, imaze gukorerwa ubugororangingo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy'inama.

**7.2. Ibibazo Komisiyo yashyikirijwe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama**

Komisiyo yagejeje ku bagize Inama Njyanama ibibazo by'abaturage banditse basaba kurenganurwa yasuzumye ibibazo bikurikira:

**a. Ikibazo cya Bwana NTEZIYAREMYE Francois**

Bwana NTEZIYAREMYE Francois yanditse avuga ko isambu ye ingana na ha 1, iherereye mu mudugudu wa Kigarama, Akagari ka Nyagahinga, Umurenge wa Rusororo, Akarere ka Gasabo yahawe uwitwa FATAKE Louis. Komisiyo yagaragaje ko yakurikiranye iki kibazo yifashishije inyandiko ifite yasanze nta kigaragaza ko ubutaka ari ubwa NTEZIYAREMYE François. Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yasanze NTEZIYAREMYE François yarasimbutse inzego, kuko mu nyandiko zose yashyikirije Komisiyo nta rwego rw'ibanze yanyuzeho cyangwa ngo amenyeshe ikibazo cye. Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza asobanura ko Komisiyo yatanze inama ko NTEZIYAREMYE François yagirwa inama yo kubanza ku rwego rw'Akagari ubutaka buherereyemo kuko ari rwo rwego rwegereye abaturage kandi abahatuye baba bazi amateka y'abaturanyi babo.

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo imaze kugezwaho imiterere y'ikibazo cya Bwana NTEZIYAREMYE François, bunguranye ibitekerezo nyuma bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N°47.18.649**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo ishingiye kuri raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza, yemeje ko Bwana NTEZIYAREMYE François yakwandikirwa agirwa inama yo kubanza gushyikiriza ikibazo cye urwego rw'Akagari ubutaka avuga buherereyemo, kuko ari rwo rwego rwegereye abaturage kandi abahatuye bakaba bazi amateka y'abaturanyi babo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy'inama.

**b. Ikibazo cya MUKANDOLI Veronique**

Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yasuzumye ikibazo cya Madamu MUKANDORI Veronique Umudugudu wa Nyagahinga, Akarere ka Gasabo, Umurenge wa Rusororo , yandikiye Umuyobozi w'Akarere atakamba asaba ko isambu yambuwe hakubakwamo umudugudu ugizwe n'imiryango 47 ku butaka bungana na ha 10, bwahawe ishyirahamwe URUGORI.

Madamu MUKANDORI Veronique avuga ko yandikiye Umuyobozi w'Akarere ku wa 05/01/2015, akaba atarasubizwa kugeza ubu. Bityo Komisiyo igatanga inama ko Komite Nyobozi y'Akarere yakurikirana ikibazo cya Madamu MUKANDORI Veronique, hakarebwa niba ibyo avuga ari byo agahabwa igisubizo.

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo imaze kugezwaho raporo ku kibazo cya Madamu MUKANDORI Veronique, bunguranye ibitekerezo nyuma bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N°47.19.650**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo ishingiye kuri raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza ku kibazo cya Madamu MUKANDORI Veronique, yasabye Komite Nyobozi y'Akarere gukurikirana ikibazo cye kandi ikazamugezaho igisubizo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy'inama.

**c. Ikibazo cya Bwana SAFARI Athanase**

Bwana SAFARI Athanase yandikiye Perezida w'Inama Njyanama kuwa 07/02/2015 asaba gusubikisha amasezerano yo kwishyura mu byiciro ibirarane by'imisoro no guhagarikisha imisoro k'ubukode bw'ubutaka buherereye mu murenge wa Ndera, Akagari ka Cyaruzinge, Umudugudu w'Ayabakora, bubaruwe kuri no 431, asobanura ko iki kibanza yaje kukigabanyamo ibibanza 6 ahabwa na fiche cadastral zabyo, ariko nyuma agiye gusaba uburengenzizra bwo kubaka yagaragarijwe ko ibyo bibanza bizanyuramo umuhanda ku buryo uwo muhanda uzanyura mu bibanza bine. Akaba asaba ko yahabwa ingurane y'ubutaka byashoboka agahabwa ingurane ku bibanza bye bine(4), igishushanyo mbonera kigaragaza ko hazanyuramo imihanda ku buryo ibipande bisigara ari bito cyane akaba ntagikorwa cyakorerwamo, kandi yarabuguze ashaka kwiteganyiriza.

Ikindi Perezida wa Komisiyo yamenyesheje Inama Njyanama, ni uko yasobanuye ko Umujyi wa Kigali nawo wamenyesheje Bwana SAFARI Athanase ko uwo muhanda utakwimurwa cyangwa uhuzwe n'uwari uhasanzwe bitewe n'imiterere yawo, bityo Komisiyo y'Imiyoborere Myiza igasaba Inama Njyanama ko yakwemeza ko:

- Bwana SAFARI Athanase yakwishyura ibirarane by'imisoro arimo Akarere ka Gasabo mbere y'uko igishushanyo mbonera kigaragaza ko ubutaka bwe bungana n'ibibanza bine (4) buzacibwamo imihanda ntagire icyo asigarana.
- Bwana SAFARI Athanase yasonerwa umusoro ku bibanza bine (4), igishushanyo mbonera kigaragaza ko buzanyuzwamo imihanda ntagire icyo asigarana;
- Bwana SAFARI Athanase yahabwa ingurane kuri ubwo butaka bugizwe n'ibibanza bine (4), Igishushanyo mbonera kigaragaza ko hazanyuzwa imihanda ntagire icyo asigarana kugira ngo ashobore gukoresha ubutaka bwe icyo yari yarabuteganyirije kizamufasha mu masaziro ye kuko aricyo yari yarabuguriye.

Abari mu nama bamaze kugezwa raporo irambuye ku Kibazo cya Bwana SAFARI Athanase, no gusanga ikibazo cye hari abaturage benshi bagihuriyeho, kandi icyifuzo cya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza kigoye kugishyira mu bikorwa kuko bikozwe byakorerwa abaturage bose, Inama Njyanama yemeje umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N°47.20. 651**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko Bwana SAFARI Athanase yakwandikirwa amenyeshwa ko ubwo butaka akibufiteho uburenganzira ariko ko adafite uburenganzira bwo kuhashyira inyubako nk'uko Umujyi wa Kigali wabimusobanuriye, ariko ko yahakorera ibindi bikorwa mu gihe umushinga wo kuhubaka umuhanda uzaba ugiye gushyirwa mu bikorwa akazahabwa ingurane ikwiye.

**d. Ikibazo cya Bwana Jackson KAZAYIRE**

Komisiyo y'Imiyoborere Myiza, yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko yasuzumye n'ibaruwa Umuyobozi w'Inama Njyanama yayigejejeho ya Bwana Jackson KAZAYIRE, wanditse asaba kurenganurwa agafatwa nk'abandi baturage, kuko bamusaba umusoro w'ubukode bw'Ubutaka kandi ku cyangombwa cy'ubutaka cye handitseho zeru. Komisiyo yasobanuye ko yahuye n'uwo muturage wavugaga mu ibaruwa ko icyangombwa cye cyanditseho zeru kandi atariko biri. Komisiyo yasobanuye ko iki kibazo imaze kugisuzuma yasanze Bwana Jackson KAZAYIRE yaragize uburangare bwo kudasoma neza icyangombwa cye kuko ubutaka bwe ari ubwo guturaho kandi n'amafaranga y'umusoro wanditseho, n'ubwo we avuga ko abaturanyi be ubutaka bwabo ari ubwo guhinga bituma yumva ko yarenganye.

**Umwanzuro N°47.21. 652**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, imaze kugezwaho raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza ku kibazo cya Bwana Jackson KAZAYIRE uvuga ko atasomye ibyanditse ku cyangombwa cye cy'ubutaka, hemejwe ko yagirwa inama yo kugana Serivisi z'Akarere zishinzwe ubutaka kugira ngo barebe neza icyo ubutaka bwe bugenewe, bityo anagirwe inama yo kuzuza ibyo asabwa ku butaka bwe.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy'inama.

**7.3. Ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama Njyanama**

Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yamenyesheje abari mu nama ko yasuzumye ishyirwa mu bikorwa ry'Imyanzuro yemejwe n'Inama Njyanama mu mwaka wa 2014-2015, maze igasanga imyanzuro y'Inama Njyanama yarashyizwe mu bikorwa ku kigereranyo cya 88,2% . Yasobanuye ko yashimye uburyo imyanzuro yemejwe yashyizwe mu bikorwa, ndetse n'uburyo Umuyobozi w'Akarere yasobanuye imbogamizi z'imyanzuro itarashyizwe mu bikorwa n'aho ikiri mu nzira zo gushyirwa mu bikorwa aho igeze.

Abari mu nama bamaze kugezwaho raporo y'uburyo imyanzuro yashyizwe mu bikorwa bunguranye ibitekerezo nyuma bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 47.22.653**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yashimye uburyo imyanzuro y'Inama Njyanama yemejwe mu mwaka wa 2014-2015, yashyizwe mu bikorwa kandi isaba Komite Nyobozi y'Akarere ko kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro itarashyirwa mu bikorwa.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy'inama.

### 7.4. Itorero ry'Abajyanama

Kuri iyi ngingo Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko Komisiyo yasanze hakwiye kubaho itorero ry'Abajyanama, bityo isaba Inama Njyanama ko hazategurwa kandi hagakorwa itorero ry'Abajyanama.

Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko yahuye n'Umutahira w'intore kurwego rw'Akarere, bakagirana ikiganiro ku birebana n'itorero ndetse Komisiyo isaba ko mu nama itaha uwo mukozi yazahabwa umwanya akabagezaho icyo kiganiro.

**Umwanzuro No 47.23.654**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko Umutahira w'intore ku rwego rw'Akarere yazageza ku Nama Njyanama ikiganiro ku Itorero ry'Igihugu mu nama itaha, hakarebwa n'uburyo Abajyanama b'Akarere bazajya mu Itorero.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy'inama.

### 7.5. Gahunda yo gusura Imirenge

Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko komisiyo yatangiye gahunda yo gusura imirenge, abamenyesha ko hamaze gusurwa imirenge ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza y'Akarere ka Gasabo yateguye gahunda yo gusura Imirenge, kugira ngo Komisiyo igere ku ntego, yasanze bagomba kwigabanyamo amatsinda abiri kugira ngo imirenge yose uko ari cumi n'itanu (15) igize Akarere ka Gasabo izashobore gusurwa, gahunda ikaba iba ku wa kabiri no ku wa gatanu buri cyumweru kuva saa saba n'igice. Iyi raporo itangwa hakaba hari hamaze gusurwa imirenge 5 ariyo: Ndera, Bumbogo, Rusororo, Jali na Jabana.

**Umwanzuro No 47.24.655**

Inama Njyanama imaze kugezwaho gahunda y'uko Komisiyo y'Imiyoborere Myiza isura Imirenge yasabye ko buri Mujyanama yajya ayitabira igihe hasuwe Umurenge ahagarariye cyangwa uwo yatorewemo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya munani</u>: Raporo ya Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza**

Perezidante wa Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza yahawe umwanya amenyesha abagize Inama Njyanama ko raporo ya Komisiyo ikubiyemo gahunda y'ibikorwa bya komisiyo y'umwaka wa 2015-2016, yasobanuye ko gahunda y'ibikorwa komisiyo yateguye yayiteguye hashingiwe ku nshingano za komisiyo y'Iterambere ry'imibereho Myiza nk'uko biteganywa n'itegeko no 87/2013 ryo ku wa 11/9/2013.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho gahunda y'ibikorwa bya komisiyo, bunguranye ibitekerezo, hasabwa ko muri gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza hakongerwamo igikorwa cyo gusuzuma ibibazo bigaragara mu nganda kubirebana n'ubuzima bw'abantu.nyuma bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N°47.25. 656**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yashimye kandi yemeza gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo y'Iterambere ry'imibereho Myiza y'umwaka wa 2015-2016, imaze gukorerwa ubugororangingo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya cyenda</u>: Raporo y'ibikorwa by'amezi atandatu by'abagize Komite Nyobozi y'Akarere**

Umuyobozi w'Inama Njyanama yamenyesheje abari mu nama ko uretse raporo y'ibikorwa by'Akarere, abagize Komite Nyobozi y'Akarere bagomba gushyikiriza Inama Njyanama buri mezi atandatu raporo y'ibyo bakora bijyanye n'inshingano zabo nk'uko biteganywa n'itegeko No 87/2013 ryo ku wa 11/9/2013 mu ngingo yaryo ya 125, akarongo ka 13, maze aha umwanya Komite Nyobozi y'Akarere kugirango ibagezaho izo raporo.

**9.1. Raporo y'Umuyobozi w'Akarere**

Kuri iyi ngingo, Umuyobozi w'Akarere yahawe umwanya ageza ku bagize Inama Njyanama raporo y'ibyo yakoze bijyanye n'inshingano ze nk'uko biteganywa n'Itegeko N° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013, Itegeko rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, mu ngingo ya 132. Yasobanuye ko ibikorwa yakoze muri aya mezi atandatu ahanini yibanze ku gukurikirana imihigo ndetse agaragaza n'ibikorwa yakoze bijyanye n'inshingano ze nk'uko amategeko abiteganya.

**9.2. Raporo y'Umuyobozi wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu**

Umuyobozi wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu yahawe umwanya asobanurira Inama Njyanama raporo y'amezi atandatu ku bikorwa bijyanye n'inshingano ze nk'uko biteganywa n'itegeko no 87/2013 mu ngingo yaryo ya 133 agace ka 13.

Yasobanuye ko uretse ibikorwa bikorwa umunsi ku munsi buri Mujyanama uri muri Komite Nyobozi agira inshingano ze zihariye maze asobanura ibikorwa yakoze nk'uko biteganywa.

**9.3. Raporo y'Umuyobozi wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage**

Umuyobozi wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage yahawe umwanya asobanurira abagize Inama Njyanama ibikorwa yakoze bijyanye n'inshingano ze kuva muri Mutarama kugeza muri Kamena 2015 nk'uko biteganywa n'itegeko no 87/2013 ryo ku wa 11/9/2013 ingingo yaryo ya 134 agace ka 14.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho no gusobanurirwa raporo y' amezi atandatu y'ibikorwa by'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Iterambere ry'Imibereho Myiza bijyanye n'inshingano ze, bunguranye ibitekerezo nyuma bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 47.26.657**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo imaze gusuzuma no gusesengura raporo y'amezi atandatu y'ibikorwa by'Umuyobozi wa Komite Nyobozi bijyanye n'inshingano ze, raporo y'Umuyobozi wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu na Raporo y'Umuyobozi wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza z'amezi atandatu z'ibikorwa bijyanye n'inshingano zabo, yazishimye kandi irazemeza.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya cumi: Imihigo y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2015-2016 Umuyobozi w'Akarere yasinyanye na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika**

Umuyobozi w'Akarere yahawe umwanya ageza ku Nama Njyanama imihigo y'Akarere ka Gasabo, yasinyanye na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda. Yasobanuye ko iyo mihigo yiyongereye kuko Inama Njyanama yari yaremeje imihigo 49, ariko nyuma hakaba hari imihigo 21 yiyongereye hashingiwe kuri gahunda Igihugu cyihaye muri uyu mwaka wa 2015-2016. Bityo agaragaza ko imihigo y'Akarere yabaye 70.

Umuyobozi w''Akarere yasobanuye ko, iyo mihigo yatangiye gushyirwa mu bikorwa n'ubwo hari indi itaratangira bitewe n'uko bikiri mu nzira zo gutanga amasoko.

**Umwanzuro N° 47.27.658**

Abari mu nama bamaze kugezwaho imihigo y'Akarere no kuyunguranaho ibitekerezo bemeje buri Komisiyo yashyira muri gahunda yayo uburyo bwo gukurikirana imihigo iyireba, bityo mu nama idasanzwe y'Inama Njyanama izategurwa mu gihe cya vuba, Komisiyo zikazagaragaza uburyo zihaye bwo gukurikirana imihigo kandi ikazabagaragariza ibimaze gukorwa kuri buri muhigo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya cumi n'imwe: Ifatabuguzi ya "internet" y'abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo**

Umuyobozi w'Inama Njyanama yamenyesheje abari mu nama ko Komite Nyobozi y'Akarere na Biro y'Inama Njyanama basuzumye ibirebana n'Ifatabuguzi ya "internet" y'abagize Inama Njyanama, mu nama yabahuje. Hashingiwe ku mabwiriza ya Minisitiri 001.07.2015 yo ku wa 24 Mata 2015 agena ibindi bigenerwa abagize Inama Njyanama cyane cyane mu ngingo yayo ya 5, ivuga ko amafaranga y'itumanaho agenerwa abagize Inama Njyanama ndetse ikanavuga ko buri Mujyanama yishyurirwa ifatabuguzi rya "internet" buri kwezi. Inama Njyanama niyo igena ingano y'ifatabuguzi ishingiye ku biciro bya "intenet" biri ku isoko, yibukije ko mbere y'uko aya mabwiriza asohoka, Abajyanama bahabwaga ifatabuguzi rya "internet" y'amakarita ya tigo afite agaciro k'ibihumbi cumi na bitanu (15.000 Frw) buri wese ku kwezi naho abagize Biro y'Inama Njyanama bo bagahabwa ifatabuguzi ya "internet" ya MTN ifite agaciro k'amafaranga ibihumbi cumi na bibiri (12.000 Frw) buri wese ku kwezi.

Umuyobozi w'Inama Njyanama amaze kugeza ku Nama Njyanama ibiteganywa n'amabwiriza ya Minisitiri, yabamenyesheje ko muri iyo nama yahuje Komite Nyobozi y'Akarere na Biro y'Inama Njyanama basuzumye iyi ngingo, nyuma yo gusanga abagize Inama Njyanama bakoresha terefoni za smarts phone kandi bakoresha umurongo wa MTN, kandi nyuma yo kubaza bagasanga ifatabuguzi ya MTN ari ibihumbi makumyabiri na kimwe, hemejwe ko Abajyanama bajya bahabwa amakarita ya MTN afite agaciro 21.000 FRw ku kwezi kuri buri wese.

Ku birebana n'ibirarane by'ifatabuguzi rya "internet" abagize Inama Njyanama y'Akarere batahawe byo kuva mu Kuboza 2013 kugeza muri Kamena 2014, hasabwe ko Abajyanama bahabwa amafaranga aho guhabwa amakarita kuko muri icyo gihe bakoresheje ayabo.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho iyi raporo, bunguranye ibitekerezo basaba kumenya niba iyi fatabuguzi bazayihwaba kuva mu kwezi kwa gatanu 2015, kuko kuva icyo gihe nta fatabuguzi bigeze bahabwa, nyuma hemezwa umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 47.28.659**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo bazajya bahawa amakarita ya MTN afite agaciro k'ibihumbi makumyabiri na kimwe by'amafaranga y'u Rwanda y'ifatabuguzi rya "internet" buri kwezi kuri buri Mujyanama. Ibi bikazatangirana n'ukwezi kwa Nzeri 2015.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya cumi na kabiri</u>: Raporo y'Ubugenzuzi bwakorewe Komisiyo y'Imitungo itagira bene yo**

Kuri iyi ngingo, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yahawe umwanya ageza ku bagize Inama Njyanama raporo Minisiteri y'Ubutabera yakoreye Komisiyo y'Imitungo itagira bene yo, agaragaza amwe mu makosa yakozwe na Komisiyo ndetse n'inama zatanzwe n'itsinda ryakoze igenzura, ndetse abagezaho n'inama zatanzwe n'itsinda ryagenzuye, hamwe n'amakosa ryagaragaje.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho raporo y'ubugenzuzi Minisiteri y'Ubutabera yakoreye Komisiyo y'Imitungo itagira bene yo mu karere ka Gasabo, bitewe n'uko Perezida wa Komisiyo atari yitabiriye inama bifuje kumenya niba iyi raporo Komisiyo yarayibonye cyangwa se niba abakorewe ubugenzuzi barahawe umwanya wo kugira icyo babivugaho, Umuyobozi w'Akarere asobanura ko iyi raporo yaganiriweho, nyuma hemezwa umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 47.29.660**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko Biro y'inama Njyanama na Komite Nyobozi y'Akarere, bazahura bagasuma neza raporo y'ubugenzuzi Minisiteri y'Ubutabera yakoreye Komisiyo y'Imitungo itagira bene yo n'uburemere bwayo, maze bakazashyikiriza Inama Njyanama raporo kugira ngo hafatwe umwanzuro.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya cumi na gatatu: Ibintu n'ibindi.**

**a. Ibaruwa z'Abajyanama baherutse gutorwa banditse basaba kujya muri komisiyo.**

Kuri iyi ngingo Umuyobozi w'Inama Njyanama yahaye umwanya Umunyamabanga w'Inama Njyanama umwanya ageza ku Nama Njyanama ibaruwa 3 zanditswe n'Abajyanama bagaragaza komisiyo bifuza gukoreramo. Umunyamabana w'Inama Njyanama amaze gusoma izo baruwa, no kugaragaza ko Umujyanama MUSSOLINI Eugene yanditse asaba gukorera muri Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza, Umujyanama MUNYANGEYO Dieudonne Kennedy yanditse asaba gukorera muri Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu naho Umujyanama BIGABIRO Charles Louis nawe akaba yaranditse asaba gukorera muri Komisoyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza ndetse asaba ko yagurirwa na laptop yo kumufasha mu kazi k'ubujyanama.

Umwanditsi wa Komisiyo yabagejejeho kandi raporo y'ibyaganiriwe mu nama y'Abaperezida, ndeze abagezaho n'umwanzuro wafashwe muri iyo nama ku birebana na Komisiyo abajyanama bifuza gukoreramo.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho ibaruwa Abajyanama 3 bashya banditse basaba gushyirwa muri za Komisiyo, no kugezwaho raporo y'Inama y'Abaperezida kuri icyo kibazo, Umujyanama BIGABIRO Charles Louis amaze no kwemera ko yashyirwa no mu yindi Komisiyo bunguranye ibitekerezo hemezwa umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 47.30.661**

Inama Njyanama yashyize muri Komisiyo z'Inama Njyanama Abajyanama bakurikira mu buryo bukurikira:

1. Umujyanama MUSSOLINI Eugène yemejwe muri Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza;
2. Umujyanama MUNYANGEYO Dieudonne Kennedy muri Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu;
3. Umujyanama BIGABIRO Charles Louis muri Komisiyo y'Imiyoborere Myiza.

**Umwanzuro No 47.31.662**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo imaze gusanga hari abajyanama batahawe laptop, yemeje ko Abajyanama bashya batahawe laptop zo kubafasha mu kazi nabo bazigurirwa bakazishyura 40% naho Akarere kakishyura 60% z'ikiguzi cyayo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

**b. Raporo y'umwiherero Umuyoboozi wungirije w'Inama Njyanama yitabiriye.**

Umuyobozi ungirije w'Inama Njyanama y'Akarere yamenyesheje abari mu nama ko kuva ku itariki ya 2-4 Nzeri 2015 yitabiriye umwiherero wa Furum z'Abayobozi b'Inama Njyanama batumiwemo na RALGA, asobanura ko Kubera ko Umuyobozi w'Inama Njyanama yari hanze y'Igihugu, basabye ko amuhagararira.Yamenyesheje ko muri uwo mwiherero, bagarutse ku mikorere y'Inama Njyanama aho basabwe ko inama zajya zitegurwa neza ku buryo inama y'Inama Njyanama itarenza amasaha atanu.

Inama yari yatangiye saa tatu n'iminota makumyabiri za mu gitondo (09h20), yashoje imirimo yayo saa mbiri n'iminota makumyabiri n'itanu z'ijoro (20h25), Umuyobozi w'Inama Njyanama asoza ashimira abajyanama bayitabiriye n'ubwitange bagaragaza.

Bikorewe i Gasabo ku wa 20 Nzeri 2015.

Umwanditsi w'inama

**MUKESHIMANA Régine**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo

Umuyobozi w'inama:

**MUNYENTWARI Alfred**
Umuyobozi w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo